



Higher Education Council
P.O. BOX 6311, Kigali-Rwanda

**ITANGAZO RIREBA AMADINI, AMATORERO N'ABANTU KU GITI CYABO;
BIGISHA AMASOMO AJYANYE NA TEWOLOJIYA NA BIBILIYA (THEOLOGY
AND BIBLE TRAINING) MU RWANDA, BATABIFITIYE UBURENGANZIRA**

Bimaze kugaragara ko hari Amadini, Amatorero n'Abantu ku giti cyabo; batangije gahunda zo kwigisha amasomo ajyanye na Tewolojiya na Bibiliya (Theology and Bible Training) mu Rwanda, batabifitiye uburenganzira. Abatanga izi nyigisho bizeza ababagana ko bazahabwa impamyabumenyi zo ku rwego rw'Amashuri Makuru na Kaminuza, ibi bakaba batarabiherewe uburenganzira n'inzego zibishinzwe, ndetse binyuranije n'Itegeko N°01/2017 ryo ku wa 31/01/2017 Rigena Imiterere, Imitunganyirize n'Imikorere by'Amashuri Makuru.

Ubuyobozi bw'Inama y'Igihugu y'Amashuri Makuru burasaba abo iri tangazo rireba guhagarika ibyo bikorwa, bakegera Inama y'Igihugu y'Amashuri Makuru kugirango ibagire inama y'uko bakwemererwa kwigisha izo nyigisho mu buryo bwemewe n'amategeko.

Ubuyobozi bw'Inama y'Igihugu y'Amashuri Makuru buboneyeho kumenyesha abantu bose ko Amashuri Makuru yemewe mu Rwanda, atanga inyigisho zose harimo n'iza Tewolojiya na Bibiliya agaragara ku rubuga rwa interineti: www.hec.gov.rw.

Dr. Emmanuel MUVUNYI
Umuyobozi Mukuru

